Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

UBUHINZI BW'INYANYA

GUFUMBIRA		IBIPIMO BY'IFUMBIRE	IKORESHWA RYARI ?	IKORESHWA GUTE ?
Niba ubutaka busharira, shyiramo ishwagara		Koresha ibiro 30 by'ishwagara inoze kandi yumutse kuri Ari imwe buri myaka ibiri.	Nibura ibyumweru bine mbere yo gutera	Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka
Ifumbire y'imborera		Koresha ibiro 100 by'ifumbire = udutebo tune (4) twuzuye ifumbire y'imborera cg ingorofani 2	Mu gihe cyo gutera	Mu kobo
Ifumbire mvaruganda		Koresha ibilo 3 bya NPK 17-17-17 kuri Ari 1	Hashize ibyumweru bibiri (2) ugemuye	Ku muzenguruko w'urunyanya, ugasiga cm 10 uvuye aho ruteye

Ari 1 = m 10 x m 10

IFDC CATALIST

<u>Icyitonderwa</u>. : Ibipimo bishobora guhinduka. Iby'ishwagara bitewe n'uburyo inoze, ubuherere bwayo n'ikigero cy'ubusharire bw'ubutaka. Iby'ifumbire y'imborera n'imvaruganda bitewe n'uko ubutaka bwarumbukaga. Tera kuri cm 80 hagati y'imirongo na cm 80 hagati y'ingemwe.

Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

INDWARA Z'IBANZE N'IBYONNYI

INDWARA	IBIZIRANGA	UKO BAZIRINDA	UKO BAZIVURA	IBIPIMO BIKORESHWA
Indwara y'imvura		- Koresha imbuto z'indobanure ; - Simburanya neza imyaka mu murima : inyanya ntizisimbura mu murima ibirayi, puwavuro, urusenda cyangwa inyanya ; - Vanaho ibisambo ; - Ubahiriza igerambuto riteganywa ; - Shingirira inyanya (Kuzihembera)	Umuti wica uduhumyo : Ditane (Dithane) M45 (PM)	Vanga garama 50 z'umuti muri litiro 20 z'amazi, utere Ari 1, buri cyumweru
Aliterinariyoze (Ibeja)		- Ubahiriza igerambuto riteganywa ; - Shingirira inyanya (kuzihembera) ; - Simburanya neza imyaka mu murima : inyanya ntizisimbura mu murima ibirayi, puwavuro, urusenda cyangwa inyanya ; - Vanaho ibisambo ; - Koresha imbuto z'indobanure.	Umuti wica uduhumyo : Ditane (Dithane) M45 (PM)	Vanga garama 50 z'umuti muri litiro 20 z'amazi, utere Ari 1, buri cyumweru
Bagiteriyoze (Bactériose)		- Simburanya neza imyaka mu murima : inyanya ntizisimbvura mu murima ibirayi, puwavuro, urusenda cyangwa inyanya ; - Koresha imbuto z'indobanure. - Randura izafashwe uzitabe mu cyobo.	Nta muti	Nta muti
Imfunyarazi = Ukubemba		- Koresha imbuto z'indobanure. - Randura izafashwe no kuzitaba mu cyobo kiri kure y'umurima w'inyanya.	Nta muti	Nta muti
Ibinyabwoya by'inyanya		- Sarura imbuto zirwaye hanyuma uzitabe mu cyobo kiri kure y'umurima w'inyanya.	Umuti wica udukoko : Dimetowate (Diméthoate) 40 EC	Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 10 z'amazi, utere Ari 1

Ari 1 = m 10 x m 10

IFDC CATALIST